



IKICARO GIKURU CYA KILIZIYA KU ISI

UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO BUJYANYE N'UMUNSI MPUZAMAHANGA W'URUBYIRUKO WIZIHIZWA KU NSHURO YA 39

Ku ya 24 Ugushyingo 2024

Abiringira Uhoraho, bagenda ubutanirwa (Iz 40,31)

Nshuti rubyiruko,

Umwaka ushize, twatangiye urugendo rw'amizero rutuganisha kuri Yubile ikomeye twese dutegereje, tuzirikana cyane amagambo ya Pawulo Mutagatifu aho agira ati "Mwishimire amizero mufite" (Reba Rom 12, 12). Ibi ni ukugira ngo twitegure urugendo rwa Yubile ya 2025 ari nabyo bituma muri uyu mwaka twifashisha amagambo y'umuhanuzi Izayi aho agira ati: « Ariko abiringira Uhoraho, bazongera kubona imbaraga: [...] biruke ubutanirwa; (Iz 40, 31). Aya magambo yo mu gitabo cyitwa icy'ihumure (Iz 40-55) atangaza iherezo ry'ubuhunzi bw'Abayisraheli i Babiloni bikaba intangiriro y'icyiciro gishya cy'amizero no kugaruka i buzima ku muryango w'Imana, ushobora kugaruka mu gihugu cyawo babikesheje « inzira nshya » Imana icira abana bayo mu bihe bitandukanye by'amateka ya muntu. (Reba Iz 40, 3).

Kugeza amagingo aya, turi mu gihe kirangwa n'ibintu biteye ubwoba bituma twiheba, bigatuma tudategura ejo hazaza dufite umutima utuje: aha twavuga nk'ibyago by'intambara, akarengane muri sosiyete, ubusumbane, inzara, uburetwa ku kiremwa muntu no ku bindi biremwa. Akenshi, abishyura ibyo byose ku buryo bw'indengakamere ni mwebwe, urubyiruko, mutabona neza ejo hazaza kandi ntimubone uko inzizi zanyu zizashyirwa mu bikorwa, bityo bikabagiraho ingaruka zo kubaho nta mizero, mukabaho muri imbata zo kwijujuta ndetse mufite uburakari ari nabyo bishobora kubashora mu bikorwa bibi n'urugomo. Niyo mpamvu rero, nshuti nkunda, nshaka ko umuhamagaro

wuje icyizere ubageraho nk'uko byagendekeye umuryango wa Israheli i Babiloni: Uyu muni na none, Imana irafungura inzira imbere yanyu kandi iranabasaba kuyinyuranamo ibyishimo n'ukwizera.

1. Urugendo rw'ubuzima n'inzitizi zarwo

Umuhanuzi Izayi aratubwira « Kugenda tutananiwa ». Reka dutekereze kuri ibyo bintu bibiri: Urugendo n'umunaniro. Ubuzima bwacu ni urugendo, rutuma twiyibagirwa ubwacu, urugendo rwo gushakisha umunezero; n'ubuzima bwa gikristu by'umwihariko, ni urugendo rugana ku Mana ariyo mukiro wacu n'ibyiza byose bisendereye. Imigambi yacu, ibyo tugeraho byose, n'umusaruro mwiza uva muri urwo rugendo rurerure, niba atari ibifatika gusa, bidusiga n'ubundi dushonje nyuma y'igihe cyo mbere cyo kumva hari icyo twabikuramo, kandi tukifuza ko byakomeza kugira igisobanuro gikomeye kuri twe. Muri make, ntabwo Roho yacu ibishyikira neza koko, kubera ko twaremwe n'Imana itagira iherezaho. Ku bw'iyi mpamvu, ikifuzo cyo kugenga byose kitubamo, duhorana inyota yo kugera ku byisumbuye no gutera imbere. Niyo mpamvu, nk'uko nabibabwiye inshuro nyinshi, “kurebera ubuzima ahirengeye ” bidahagije kuri mwebwe urubyiruko.

N'ubwo dutangira urugendo rwacu dufite imbaraga nyinshi, birasanzwe ko twumva tunaniwe yaba igihe tururangije vuba cyangwa igihe tururangije dutinze. Rimwe na rimwe, impamvu zo kwiheba no kunanirwa twiyumvamo imbere muri twe, ni igitutu twotswa n'abandi gituma rimwe na rimwe dusunikirwa mu mategeko yo kugira umusaruro mwiza mu mashuri yacu, mu kazi no mu buzima busanzwe bwihariye. Ibi bituma tubaho tutishimye, kuko tubaho mu buzima butagira igisobanuro bigaturuka ku bantu bumva ko twakora ibintu byinshi cyane ku muni, kandi ikibabaje ugasanga tudashobora gukora byinshi cyangwa ugasanga n'ibyo basaba bimwe na bimwe ntabyo dushoboye. Uko kumva ko tudafite imbaraga n'ubushake, akenshi bikurikirwa no kumva nta kintu tugishaka gukora. Aha ni ukwanga ibintu byose ndetse no kumva ko tutageze ku byifuzo byacu; ibi bigaragara kuri bamwe badashaka gukora rwa rugendo twavugaga, badafata icyemezo, ntibashobore no kugerageza ikintu gishya ahubwo bakumva ko uko babayeho bibanyuze, bakihugiraho kandi bakarebera isi ahitaruye, badashaka « kwanduza ibiganza byabo » kubera ibibazo, kubera abandi, kubera ubuzima. Uko kunanirwa ni nk'isima dushyiramo ibirenge byacu nyuma bikarangira iyo sima itwumiyeho, ikaturemerera, ikaturemaza igatuma tudatera imbere. Njye numva nahitamo umunaniro w'abari mu rugendo aho guhitamo ukurambirwa kw'abatava aho bari badafite n'ikifuzo cyo kugenda.

Igisubizo kuri uwo munaniro, n’ubwo abantu benshi bakora ibinyuranye n’ibyo, ntabwo ari ukuguma hamwe kugira ngo umuntu aruhuke. Ahubwo ni ugufata urugendo tugahinduka abagendana amizero. Dore icyo mbashishikariza: nimugendane amizero. Ukwizera kurenga umunaniro uwo ari wo wose, kurenga ikibazo icyo ari cyo cyose n’ubwoba ubwo ari bwo bwose, kukadutera akanyabugabo ku rugendo, kubera ko ari impano duhabwa n’Imana ubwayo: Imana iha igisobanuro icyo gihe dukoresha mu rugendo, iratumurikira mu nzira, ikatwereka aho tunyura kandi ikatwereka umugambi nyakuri w’ubuzima. Intumwa Pawulo yakoresheje ikigereranyo cy’umuntu urushanwa mu kwiruka ku kibuga kugira ngo ahabwe igihembo cy’insinzi yegukanye (Reba 1Kor 9, 24).

Abigeze kwitabira amarushanwa ya siporo – atari ukureba gusa ahubwo ari ukurushanwa -bazi neza imbaraga bakoresha kugira ngo bagere ku musozo w’umukino. Ukwizera ni imbaraga nshya Imana idushyiramo kugira ngo dushobore kwihangana mu rugendo ruduha “uburyo bwo kureba kure ” kugira ngo tunyure mu bibazo by’iki gihe bituganisha ku mugambi ufatika: Kugirana ubusabane n’Imana ku buryo bwuzuye ndetse n’ubusendere bw’ubuzima buzahoraho iteka. Niba hari umugambi mwiza ubaho, niba ubuzima butagana ku busa, niba ibyo dutekereza byose bizajya mu bikorwa, ibyo bigomba gutuma dufata rwa rugendo tukiyuha akuya, tukihanganira imbogamizi kandi tugahangana n’umunaniro kubera ko ku iherezo ibihembo bizaba ari agahebuzo!

2.Abagenzi mu butayu

Mu rugendo rw’ubuzima, hari ibibazo umuntu yagaragaza. Mu bihe bya kera cyane, mu gihe cy’ingendo ndende, abantu bagombaga guhangana n’ibibazo by’imihindagurikire y’ibihe n’ikirere, kunyura ahantu hari ibyatsi bitoshye n’amashyamba ahehereye, ariko na none bagombaga kunyura mu misozi ikonje cyane n’ubutayu butwika. Ni nako bimeze ku bemera ; urugendo rw’ubuzima n’urugendo rujya kure buri gihe birananiza nk’uko byagendekeye abayisiraheli ubwo bari mu butayu bagana mu gihugu cy’isezerano.

Ni nako bimeze kuri mwebwe mwese. No ku bafite ingabire y’ukwemera, habayeho ibihe byuje ibyishimo aho Imana yabanye n’abantu kandi bakumva ko iri hafi koko ; hari ho n’ibindi bihe mwagize byo kuba mu butayu. Birashoboka ko imbaraga za mbere mu mashuri no mu kazi cyangwa mu gukurikira Kristu –yaba mu buzima bw’abashakanye, ubusaserdoti cyangwa ubuzima bw’abiyeguriyimana– bikurikirwa n’ibihe bibi bishobora gusa nk’urugendo rukomeye mu butayu. Ibyo bihe bitoroshye ariko ntabwo ari igihe cyatakaye cyangwa se cy’imfabusa, ahubwo bitubera umwanya

w'ingirakamaro, umwanya wo gukura. Ni ibihe byo kwisukura no kwizera ! Mu bihe bikomeye ariko, imyizerere myinshi idahwitse nakwita mito kuri twe ntabwo igera ku mugambi wayo. Akenshi uko kwizera kurahishwa, tugakomeza gusa nk'abambaye ubusa, yaba kuri twe ubwacu ndetse n'imbere y'ibibazo bikomeye by'ubuzima, byose bikaba birenze ibyo twibwira. Muri icyo gihe, buri wese muri twe ashobora kwibaza ibibazo bikurikira: Ese ubuzima bwanjye bushingiye ku kuhe kwizera? Ese ibyo nizera ni ukuri cyangwa ni ukwibeshya ?

Muri ibyo bihe, Imana ntabwo idutererana, iratwegera nk'Umubyeyi ikaduha buri gihe umugati utugaruramo imbaraga tugakomeza urugendo. Twibuke ko yahaye manu umuryango wayo mu butayu (Reba Iyim 16) kandi twibuke ko inshuro ebyiri zose yahaye umugati n'amazi umuhanuzi Eliya wari unaniwe kandi yacitse intege, kugira ngo akomeze kugenda mu gihe « cy'iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine kugera i Horebu, umusozi w'Imana » (1 Bami 19, 8). Muri izo nkuru zose zo muri Bibiliya, ukwemera kwa Kiliziya kwabonye mbere na mbere integuza y'impano ikomeye y'Ukaristiya, ariyo manu nyakuri n'impamba nyakuri Imana yaduhaye kugira ngo idushyigikire mu rugendo rwacu. Nk'uko Umuhire Carlo Acutis yabivuze, Ukaristiya ni umuhanda mwiza cyane ugana mu ijuru. Ni umusore ugirana n'Ukaristiya umuhuro wa buri muni kandi uwo muhuro ufite agaciro gakomeye imbere ye! Nitwunga ubumwe na Nyagasani, tuzagenda tutananirwa kuko agendana natwe. (Reba Mt 28, 20). Ndabararikira kwakira na none iyo mpano nyamukuru ariyo Ukaristiya ntatifu.

Mu bihe by'umunaniro tutakwihunza muri uru rugendo rwo muri iyi si, twige kuruhuka nka Yezu kandi tumuruhukiremo. Niwe ugira inama abigishwa be kuruhuka igihe bavuye mu butumwa bwabo (reba Mk 6, 31), azi neza ibyo umubiri wanyu ukeneye kugira ngo uruhuke, azi ko mukeneye igihe cyo kuruhuka muhura n'inshuti zanyu, mukora siporo, ndetse no kuryama. Ariko hariho ikiruhuko kiruta ibindi ari cyo kiruhuko cya roho abantu benshi bashakisha ariko bake akaba aribo bakibona, kandi kiba gusa muri Kristu. Mumenye ko buri munaniro w'imbere mu mubiri ushobora gukurwaho mu gihe twishyize muri Nyagasani we utubwira ati « Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura » (Mt 11, 28). Mu gihe umuruho w'urugendo ubageze ahaba, mujye mugaruka kuri Yezu, mwigie kumuruhukiramo kandi mugume muri We kuko « abiringira Uhoraho[...]biruka ubutananirwa » (Iz 40, 31).

3. Kuva ku bukerarugendo ujya ku ngendo nyobokamana

Nshuti rubyiruko, icyo mbakangurira ni ugufata urugendo mugamije kongera kubona ubuzima, mu nzira y'urukundo, mushakisha uruhanga rw'Imana. Ariko icyo mbasaba, ni ugutangira uru rugendo mutitwaye nk'abakerarugendo ahubwo mubikore nk'abakora urugendo nyobokamana. Urugendo rwanyu ntirugomba kurangirira mu buzima bubonetse ubwo aribwo bwose mutabonye ubwiza bw'iby muhura na byo, mutamenye igisobanuro cy'inzira mwanyuzemo, ibihe bihita mushobora kugumana muri mwe biturutse ku byo mwahisemo kugumana cg ifoto mwafashe. Nicyo umukerarugendo akora. Ariko uri mu rugendo nyobokamana yinjira wese ahantu ageze, akavugana na ho, akahinjiza muri gahunda ye yo guharanira umunezero. Urugendo rwa Yubile rurashaka kuba ikimenyetso cy'urugendo dukora mu mitima yacu ruzatugeza iwacu h'ukuri.

Ni muri uwo mujyo twese twiteguramo umwaka wa Yubile. Ndizera ko, kuri benshi muri mwe, bizabashobokera kuza i Roma mu rugendo rutagatifu kugira ngo tunyure mu miryango mitagatifu. Kuri mwese ariko, hazabaho uburyo bwo gukora urwo rugendo rutagatifu muri za Diyosezi zanyu, kugira ngo mwongere mubone ahantu henshi hatagatifu iwanyu habumbatiye ukwemera n'ubusabanirama by'umuryango mutagatifu w'Imana. Ndifuza ko uru rugendo rwa Yubile rubera buri wese muri twe « Umwanya wo guhura by'ukuri na Nyagasani Yezu ku buryo bw'umwihariko, we muryango w'agakiza » (Inyandiko ya Papa "Spes non confundit", n. 1). Ndagira ngo mbahamagarire kuba muri uru rugendo mufite imyitwarire y'inyabutatu kandi y'ingenzi ikurikira: *gushimira*, kugira ngo umutima wanyu ufungukire gusingiza Imana, kubera impano mwahawe, mbere na mbere kubera impano y'ubuzima; *ubushakashatsi*, kugira ngo inzira munyuramo igaragaze gushakisha Nyagasani ubudatuza no kutazimangatanya iyo nyota mu mitima yanyu; hanyuma, *kwicuza*, bidufasha kwigarukamo, tukamenya inzira mbi n'amahitamo mabi dukora buri gihe kandi tukagarukira Nyagasani tumurikiwe n'Ivanjili ye.

4. Abagendana amizero mu butumwa

Na none ndagira ngo mbahe ishusho nifuza ko mwasigarana y'urugendo rwanyu. Kugira ngo ugere kuri Bazilika ya Mutagatifu Petero i Roma, unyura ahantu hakikijwe n'inkingi nyinshi zubatswe n'ikirangirire mu bwubatsi n'umunyabugenzi, Gian Lorenzo Bernini. Izo nkingi, uzirebeye hamwe, zisa nk'uruhurirane rw'ibintu bibumbiye hamwe: Ni amaboko abiri afunguye ya kiliziya, Umubyeyi wacu, yakira abana bayo bose! Mu mwaka Mutagatifu utaha, umwaka w'Ukwizera, ndagira ngo mwese mbararikire kuzagira ubuhamya bw'ubusabane n'Imana Nyirimpuhwe, muhure n'imbabazi ze, kandi mubabarirwe « imyenda yose » nk'uko byari umuco muri Yubile zose zivugwa muri Bibiliya.

Nimumara rero kwakirwa mutyo n’Imana, kandi mukavuka bundi bushya muri yo, muzahinduka namwe amaboko aramburiye kwakira benshi mu nshuti zanyu n’abo mu gihe cyanyu bakeneye kumva urukundo rw’Imana Data, binyuze mu kubakira neza kwanyu. Buri wese muri mwe natange nibura « inseko nziza, ikimenyetso cy’urukundo, indoro yuje ubuvandimwe, kumva umuntu nta buryarya, serivisi nziza itagira ikiguzi, kandi buri wese amenye neza ko mu matwara ya Yezu ibyo bishobora guhinduka imbuto nziza y’ ukwizera ku bayakira» (Inyandiko ya Papa twabonye haruguru, n. 18), bagahinduka abasakaza ibyishimo ubutaretsa.

Mu rugendo rwacu, twubure amaso turebane ukwemera abatagatifu batubanjirije muri urwo rugendo bakaba barageze ku ntego kandi bakaduha ubuhamya budutera imbaraga: «Urugamba rwiza narurwanye inkundura, intera nagombaga kwiruka narayirangije, ukwemera nagukomeyeho. None dore ikamba rigenewe intungane rirantegereje, iryo Nyagasani umucamanza utabera azangororera kuri wa munsu we, ariko atari nyewe nyenyine, ahubwo n’abandi bose bazaba barakunze ukwigaragaza kwe » (2 Tim 4, 7-8). Urugero rw’abatagatifu n’abatagatifukazi ruradukurura rukanadukomeza.

Nimukomere! Mwese mbafite ku mutima kandi urugendo rwa buri wese muri mwe nduragije Umubyeyi Bikira Mariya kugira ngo muhereye ku rugero rwe, mumenye gutegereza mwihanganye kandi mufite ikizere cy’ibyo mwizeye, muguma mu nzira nk’abagendana amizero n’urukundo.

Bikorewe i Roma, Kuri Bazilika ya Mutagatifu Yohani i Laterano, ku wa 29 Kanama 2024, Ku munsu mukuru wa Yohani Batista ahorwa Imana.

Papa Fransisko